/M.I./K.E./
CENTRE DE FORMATION DE LA JEUNESSE
KAVUMU - NYABISINDU.

Kavumu, le 15/02/1983.-

nº 017/12.06.02

A traiter par
Date entrée : 21/8/83
Nº Classement : 0899/11-04

Bwana : - HARELIMANA Paul
- NTANSHUTI François
- RWAMANYWA Martin

Bwana,

Nsanze ali ngombwa kukugezaho ibitekerezo n'impamvu byatumye tugomba kugira abo tugomba kugezaho ibibazo byacu bireba akazi cyangwa bifitanye isano n'akazi. Nizeye ko muzagaragaza ikizere mwagiliwe na bagenzi banyu.

- Maze kubona ko ikigo cy'i KAVUMU kigizwe n'amazu menshi kandi atatanye,
- Maze kubona ko ayo mazu afite abakozi bayaralira( amanywa n'ijoro),
- Maze kubona ko ayo mazu kuyageraho buli gihe bigoye kubera urugendo rurerure hagati yayo n'ikigo cya Kavumu,
- Maze kubona ko abo bakozi bakunda kugira ibibazo by'akazi n'ibyabo bwite, bakagira ingorane zo kubigeza k'ushinzwe ikigo kubera urugendo ruhali n'akazi bashinzwe,
- Maze kubona ko hali ibibazo abakozi bashobora kwikemulira, ndetse na programu z'akazi kabo bakaba bashobora kuzitegulira, navuga nk'umuganda ukorwa kuli buli kigo,

1º Nsanze abakozi babinyujije mu itora bahitamo bagenzi babo bashobora kunyuzaho ibibazo bishobora kuboneka hagati yabo cyangwa ibyo umukozi yagira ku giti cye aliko bifitanye isano n'akazi,
2º Nsanze ibyo byakoroshya ingorane z'akazi bitewe nuko alibo bamenya ingorane zikunda kuboneka mu milimo bashinzwe, cyane cyane bikoroshywa nuko begeranye,
3º Nsanze icyo gitekerezo kigomba kunyuzwa mu bakozi bose,
4º Kuwa 05 Gashyantare 1983, icyo gitekerezo baracyakiliye ndetse bahita biyemeza gutora mulibo abantu batatu ngishwa-nama kandi buli wese agatora nibura abantu batatu.
5º Abakozi bose hamwe ni cumi na batanu, abatoye ni icumi
6º Abatowe: 1) RWAMANYWA Martin : amajwi 9
2) HARELIMANA Paul : amajwi 5
3) NTANSHUTI François: amajwi 4

- Abo batowe bashobora kwihitiramo aho bazajya bateranira igihe bibaye ngombwa.
- Bashobora kandi guhitamo muli bagenzi babo bakorana uzajya abandikira ibitekerezo n'ibyemezo bagezeho.
- Igihe cyose bagize inama bakagira ibyo bemeza bagomba kumvikana kw'italiki bazabishyikiliza bagenzi babo bakorana aliko babanje kubigeza ku muyobozi w'ikigo.
- Bazajya biga kandi n'ibibazo bashobora gushyikilizwa n'umuyobozi w'ikigo aliko kandi bikaba bifitanye isano n'akazi.

Umuyobozi w'Ikigo cy'Urubyiruko
Kavumu-Nyabisindu
MBABAJENDE Innocent.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
CENTRE DE FORMATION DE LA JEUNESSE
MINISTERE DE LA JEUNESSE

BIMENYESHEJWE:
- Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imikino
KIGALI.-